IMPANDA

# Echo des mille collines

N° 14

BIMENSUEL INDEPENDANT B.P. 2015 KIGALI-RWANDA 100 Frw

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE C...
C.E.R.C.
B.P. 1319 - Kigali
RWANDA







**BURUNDI : NGIYI INGOMA NTUTSI**



**IGENDERE NTWARI NDADAYE MELCHIOR NTITUZAKWIBAGIRWA.**



**TRANSITION ELARGIE :**
**LE CHEF DE L'ETAT A PRETE SERMENT.**




*Colonel RUTAYISIRE agiye gusangira na Général Major KAGAME.*



**MINUAR :**
**GENERAL DALLAIRE AMI PARTICULIER DU FPR**
**(La haute trahison disent la population rwandaise)**

# IJAMBO RY'IBANZE



Muri iki gihe cy'uruhando rw'amashyaka menshi no mu gihe buri wese azi neza ko intambara tumazemo imyaka 3, intambara yasesekaye mu Rwanda abanyarwanda bakicwa ari benshi, abandi bakaba ibimuga byose byatewe n'inyenzi inkotanyi (FPR) babifashijwemo n'igihugu cya Uganda kiyobowe na Prezida KAGUTA Yoweri MUSEVENI (inyeshyamba) ntibyabujije umuhanga muri politiki Prezida Habyarimana Yuvenali gusura igihugu cya Uganda, yahuriye na Kaguta antebe ku itariki ya 01/02/1993 bombi bakikijwe n'ababunganira mu milimo ya politiki n'umutekano. Mu magambo bavugiye muri Hoteli yitiriwe LAKI VIKITORIYA ari naho bahuriye ku meza wasangaga amagambo ya KAGUTA MUSEVENI yiganjemo uburyarya n'amayeri naho Prezida Habyarimana Yuvenali we yagaragalije KAGUTA Museveni n'abari aho bose ko ataruma ahuha, ko ahubwo yakwicuza imbere y'Immana kubera amaraso y'abanyarwanda yamenesheje ubwo yatizaga intwaro za rutura inyenzi-inkotanyi kugea n'ubwo zisenya uruganda rw'amashanyarazi rwa NTARUKA, uruganda rw'icyayi rwo ku MULINDI n'amashuri (Ecole Technique) y'ahitwa TUMBA.
Kandi yaragiye yakirwa neza mu Rwanda ubwo yarwanaga na Amini DADA.

Mu migani yose Prezida HABYARA yaciriye Prezida KAGUTA kuya 01/09/1993 harimo n'uko ntawe utatira igihango ngo bimugwe neza. Aha twabwira abadusoma ko ubuzima bwa KAGUTA MUSEVENI bubarirwa ku ntoki kuko asigaye asinzira ari nako yayura buri kanya nk'inkoko irwaye umuraramo kandi byose abiterwa n'ibibazo iryaguye afite, ari mu gihugu ayobora ndetse no kuba atekereza ko yari yiyemeje gufasha FPR bibwira ko bazafata u Rwanda mu munsi 1 bagasanga Koloneli RWENDEYE na NSABIMANA Déo bari maso.
Prezida KAGUTA MUSEVENI (inyeshyamba) mu kwicuza kwe kwarimo n'uburyarya yaje gusaba Prezida HABYARA kumufasha mu rwego rw'amashanyarazi kuko igihugu cya UGANDA gifite icyo kibazo, HABYARA yaramusetse, ati baza abo bagaragu bawe ba FPR amarorerwa bakoreye NTARUKA (hafi ya KISORO), ikimwaro cyakoze Prezida MUSEVENI asaba pardon.

Prezida KAGUTA MUSEVENI umwe abanyarwanda badateze kuzibagirwa ububi bwe ngo yemeye kuzagenderera u Rwanda, kubera ko atagira isoni tuzemere tumwakire kandi azasubireyo amahoro, gusa ibibi yakoreye abanyarwanda n'ukiri mu nda ya nyina ntateze kuzabyibagirwa. Abaganda ubwabo n'Immana bazamuha ibimukwiye.

### JENERALI MAJOR NSABIMANA Déo: INYANGARWANDA ZIKOMEJE KUMWIJUNDIKA!

Mu gihe rubanda nyamwinshi y'abanyarwanda tuzi neza ko kuba uru Rwanda rutarafashwe n'inyenzi-inkotanyi tubikesha bamwe mu basirikare bo mu rwego rwo hejuru barimo Jenerali Major NSABIMANA Déo, Koloneli RWENDEYE (Nyakwigendera), Koloneli BIZIMUNGU ndetse na Major KABERA (wari ku GISENYI) afatanije na Major BIZIMANA (G.D.) ibinyamakuru byo mu Rwanda bikorera FPR byakomeje kwijundika bariya basirikare tumaze kuvuga haruguru, bibandikaho ibintu bitagira epfo na ruguru bigamije gushimisha FPR yabaguriye, bibwira nanone ko aribwo buryo bwabo bwo gucuruza ibinyamakuru byabo. Ibyo binyamakuru ntibizatinda kubona ko byibeshye kubera impamvu zikurikira:


1. Baragaragaye kandiFPR nigera KIGALI ntacyo izabitura ni bararwaniraga ishimwe muri FP[R]
2. Abanyarwanda baba mu Rwan[da] kandi bakunda u Rwanda beme[ra] ko bariya basilikare tumaze kuv[u]ga n'abandi bose bakoranye b[i]tanze batizigamye baharanir[a] ubusugire bw'igihugu cyababyay[e] kugeza ubwo bamwe bahasiz[e] ubuzima bwabo.

3. Ibinyamakuru byihangishijeho gusebya Jenerali Major NSABIMANA Déo ni ibyaguriwe na FPR kuko n'abanyamashyaka nka: MDR, PL, PSD, PDC na MRND bemera kandi bazirikana aho yakuye u Rwanda.

Amarorerwa yakozwe i Burundi mu ijoro ryo kuwa 20/10/1993 niritubere isomo, abanyamashyaka babe maso barwanye umwanzi, kandi twese dufatanye mu gushyigikira Guverinoma y'i Burundi yemewe ikorera mu Rwanda iyobowe na Minisitiri MINANI Yohani kandi tuyisabire kongera gutsinda abanzi.

Ubwanditsi





*MRND IZATSINDA AMATORA NTA [N]KOMYI, ariko abayoboke n'abayobozi [b]ayo ntibagomba kwirara.*

## MRND : MITINGI YAYO YA RURANGIZA

Ku cyumweru tariki ya 07/11/1993 kuri Stade i Nyamirambo (P.V.K.) haberereye Mitingi y'Ishyaka MRND kuva saa yine za mu gitondo kugeza saa kumi za nimugoroba. Iyo mitingi yari yitabiriwe n'abayoboke iryaguye (bagera ku 21.500) barimo NGIRUMPATSE Matayo (Prezida w'ishyaka mu rwego rw'igihugu), NZIRORERA Yozefu (Umunyamabanga Mukuru w'Ishyaka mu rwego rw'Igihugu), KAREMERA, HABIMANA Bonaventure, BANZI Wellars, NZABONIMANA Callixte, RUHI_GIRA Enoki, HABYARIMANA Jean, BIZIMUNGU Casimir, RUZINDANA Augustin, Secrétaire Député MUNYAMPUNDU, MPAMO Esdras, NTAGERURA André, MUNYAZESA Faustin, Dirgéral AIR RWANDA, BALIGIRA Félicien, Silasi uyobora TABARWANDA, intumwa ya PADER - NTAGUNGIRA J.B., Eugène MBARUSHIMANA - RWANDEX, Député KAYONDO Pierre BAGARAGAZA Michel, Directeur C.S.R. na Député RUCAGU Boniface, Bourgmestre wa KANOMBE - Paulo, BANDORA Charles - NGENDA, NGIRABATWARE Augustin, NYANDWI Charles babeshyaga ko atakiri muri MRND, KAMANA Claver na NEMEYE, RIBANJE, LUBOGO Felesiyani, Koloneli SERUBUGA na Dogiteri MUSAFIRI, Umututsi Muhutu na MUYANGO, Georges MPAMO na S/Préfet NTARWANDA, Konseye wa KICUKIRO - BIZIYAREMYE, SEBULIKOKO Célestin - Entrepreneur, NZABAGERAGEZA Charles, Guverineri wa BNR NTIRUGIRIMBABAZI, NDAGIJIMANA (MINITRAPE), RENZAHO Yuvenali na Bourgmestre wa NYARUGENGE, Muzehe SEFARA na BUNANI (ORTPN), Ségéral NDANGARI n'umuyobozi wa Aéronautique, S/Préfet BINIGA na Koloneli GAHIMANO Umurwanashyaka Silas (entrepreneur), Mme MUKAKABEGO Gaudence, KAJUGA Robert wafashe ijambo akunganirwa na HITIYAREMYE Matiyasi (Encadreur w'Interahamwe KIBUYE), KAYOGORA (Lycée de RUGUNGA), S/Préfet KARERA, Bourgmestre wa KACYIRU NYIRINKWAYA Claver, GASHEGU Disimasi na PARIDI (KICUKIRO).

### HAVUGIWE AMAGAMBO AKOMEYE

Mu magambo yavuzwe n'abashoboye gufata ijambo hibanzwe kuri ibi bikurikira : Amacakubiri mu mashyaka yiyita ko arwanya MRND ariyo MDR, PL, PSD, PDC na FPR, kuba ariya mashyaka nka MDR ariyo yakotaniye cyane ko amasezerano ya ARUSHA yasinywa vuba ndetse kugeza ubwo abanzi b'u Rwanda nka Nsengiyaremye Disimasi na Bonifasi NGURI_SHIGIHUGU bemeye guha FPR imyanya 5 kandi yo yarisabiraga imyanya 3 gusa none batangiye kubona ko MRND yarebye kure ubwo yarwanyaga ibyo bintu.
Ubushizi bw'isoni bwa wa mugore Ministri w'Intebe bwaramaganywe ndetse hifujwe ko yazafatirwa ibyemezo bikomeye aramutse yongeye gutuka umukuru w'igihugu. Abafashe ijambo bose bagaye imyiryane iri muri ariya mashyaka, imyiryane ishingiye ku kurwanira imyanya n'ivangura ry'amoko dore ko no muri FPR uwitwa KANYARENGWE A. na KAGAME batavuga rumwe. Ikindi cyatinzweho ni ikibazo cyo guhemba abaselire ibihumbi 43.400 Guverinoma y'u Rwanda igomba amafaranga 1.413.571.665.- Ndetse Robert KAJUGA (Prezida w'Interahamwe mu rwego rw'igihugu) mu magambo ye yifuje ko abaselire bahabwa ariya mafaranga vuba na bwangu bitaba ibyo interahamwe zikazafasha bariya baselire mu rugendo rwo kuzajya kuyaka Minisitiri w'Intebe.

Havuzwe byinshi kandi by'ingirakamaro ariko mbere y'uko Mitingi ihumuza interahamwe zishimiye kandi zashimiwe ubutwari bwazo n'ubwitonzi, zatumiye Prezida wa Repubulika dore ko zamuhaye n'Inka y'urukundo itagira uko isa.
Hifujwe amatora vuba kuko ariyo nzira iranga demokarasi kandi abazarwanya ibizaba byagezweho n'amatora bakazashaka gukora nka biriya abatutsi b'i Burundi bakoze bazahita bagwa mu KAMASHU.

Burugumesitiri wa MUSAMBIRA (umubeshyi kabuhariwe akaba n'umugaragu wa ya mpunzi Nsengiyaremye) yamaganwe ku mugaragaro kuko yari yabeshyeye Prezida wa MRND NGIRUMPATSE Matayo. Kuko ishyaka MRND rifite imbaraga mu gihugu cyose ku buryo nka Prezida waryo Matayo NGIRUMPATSE adashobora gukoresha amanama muri MUSAMBIRA (Gitarama) nijoro.

Amagambo yose yavugiwe muri iyo mitingi yibukije abanyarwanda bose ko inkotanyi za FPR zakoze amarorerwa adashobora kuzibagirana mu Rwanda kandi ko n'abanyamashyaka batije FPR umurindi ubwo bavugiraga mu Bubiligi ko inkotanyi zifashe BYUMBA na RUHENGERI nta kibazo bakwiye kwitwa abagambanyi. Ni muri urwo rwego rere abenshi batangiye kugaruka mu ishyaka ry'amahoro n'ubumwe ariryo MRND. Ishyaka MRND n'abayoboke baryo turi maso.



*MBONABARYI Léonne (ibumoso) muri Mitingi ye ya nyuma yasezeye kuri François RWABUTOGO.*

# KANGUKA YARADUHARABITSE!

Ikinyamakuru KANGUKA n° 81 ku rupapuro rwayo rwa 7 ahagaragara ifoto ya KABONABAKE ari kumwe n'inkotanyi RUMONGI Aimable na Major KAGAME ariya magambo yose yanditswe na KANGUKA ntiyigeze avugwa. Icyo KABONABAKE Thomas yavuganye n'abo ni aya :

RUMONGI Aimable yabajije KABONABAKE uko Interahamwe n'aba CDR bazakira inkotanyi i Kigali, KABONABAKE Thomas yamusubije ko nta kibazo ariko yongeraho ko abanyarwanda badateze kuzibagirwa ibibi byose bakorewe n'inyenzi inkotanyi za FPR. Naho kuri Major KAGAME, umunyamakuru Thomas KABONABAKE yamubajije icyo azaba cyo ageze i Kigali, Major KAGAME yasubije ko inama nkuru ya FPR itararangiza kunonosora ikibazo cy'abazahabwa imyanya. Biriya KANGUKA yanditse yabikoze igamije guteranya KABONABAKE Thomas n'ishyaka rye yemera kandi akunda ndetse abereye n'umunyamabanga mu rwego rwa Selire. Niyo mpamvu dusaba KANGUKA kumva neza ko atari byiza guharabika mugenzi we. Iriya nyandiko ya KANGUKA rero uwaba yarayifasheho ukuri, ibyo biramureba!

Thomas KABONABAKE

# TWAGIRAMUNGU RUKOKOMA YIMITSWE NA FASHINGABO AUGUSTIN NONE NTIBAVUGA RUMWE.

## IKIGANIRO TWAGIRANYE NA FASHINGABO



**E.M.C.:**

Bwana FASHINGABO, tumaze kumenya ko uvuka i Cyangugu ari naho uriya Faustin TWAGIRAMUNGU akomoka ndetse twumva ko muri mu ishyaka rimwe ariryo M.D.R., warize bihagije ndetse dusanzwe tuziko muvugisha ukuri, twagiraga ngo mutubwire icyo mutekereza kuri TWAGIRAMUNGU Faustin cyane cyane ku kibazo afitanye n'ishyaka M.D.R., kuba yivanga mu bibazo bya P.L. no kuba hanze aha abanyarwanda batangiye kuvuga ko ari igikoresho cya F.P.R. Tubibabajije kubera ko mwafatanije na TWAGIRAMUNGU mu gukorera ishyaka M.D.R. cyane cyane muri Prefegitura ya Cyangugu.



**FASH.:**

Mumbabarire kuba muntunguye ariko ngiye kubaha igisubizo muri make.
Ndemera rwose ko nakoranye n'uriya Faustin TWAGIRAMUNGU (mu rwego rw'ishyaka) duharanira gushimangira Demokarasi mu Rwanda. Uretse ko haje kuzamo amacakubiri mu ishyaka kandi inkomoko yabyo nta yindi ni igitugu n'uburyarya ndetse sinatinya no kuvuga ko ubwo buryarya bushobora kuba buvanze no kugambanira igihugu bagambiriye inyungu zabo aho kureba inyungu z'abaturage.

**E.M.C.:**

Ubwo buryarya, ubugambanyi n'igitugu mubibona kuri bande?

**FASH.:**

Kuri icyo kibazo, abo mvuga ni bamwe mu bayobozi b'amashyaka atavuga rumwe na M.R.N.D. bemeye kwifatanya na F.P.R. mu gihe F.P.R. Inkotanyi birirwa bica abana b'u Rwanda.

**E.M.C.:**

Mu gitondo, Radio Rwanda ndetse na RTLM batangaje ko Inteko Ishinga amategeko ishobora kujyaho ejo tariki ya 5/01/1994, amazina y'abadepite bo muri M.D.R. nayo amaze kumenyekana ku buryo usanga abadepite bamwe ari abo ku ruhande rwa TWAGIRAMUNGU Faustin abandi ari aba M.D.R. PAWA kandi no mu ishyirwaho ry'abaministri bishobora kuzagenda kuriya, mwatubwira icyo mubitekerezaho?

**FASH.:**

Mbashimiye icyo kibazo muntunguje, icyo nsaba nuko abo badepite bamenya neza ko

bagomba gukorera abaturage ntibagomba gukorera TWAGIRAMUNGU Faustin cyangwa M.D.R. PAWA kandi bagomba kudasubiza inyuma intego ya Revolisiyo ya 59 n'ibyo yatugejejeho. Naho ku kibazo cy'uko no mu rwego rw'ishyirwaho ry'abaministri ba M.D.R. nemera rwose ko hakurikizwa inama abasenyeri bagiriye ishyaka M.D.R. mu ishyirwaho ry'abaministri kuko inzego z'ishyaka arizo zifite ububasha busesuye bwo gutanga abazazihagararira muri Guverinoma no mu Nteko Ishinga Amategeko.

**E.M.C.:**

Twumva ko waba uri umwe mu banyabwenge bazi kandi batarwanya Prezida wa Repubulika y'u Rwanda, mwatubwira uko mumuzi n'impamvu mutamurwanya kandi mwarayobotse ishyaka M.D.R. ritavuga rumwe na M.R.N.D. Prezida HABYARIMANA Yuvenali abereye umuyobozi w'imena?

**FASH.:**

Kumumenya nibyo, ndamwemera kubera ibyiza kandi byinshi amaze gukorera u Rwanda n'abanyarwanda. Nzi ubwenge nibyo, niyo mpamvu ngomba no gushishoza nkazilikana ko gutegeka abantu bitoroshye n'ubwo buri gihe mparanira ko ibintu bihinduka.

**E.M.C.:**

Mwatubwira icyo mutekereza kuri iriya Guverinoma igiye kuzayoborwa na TWAGIRAMUNGU Faustin igihe cy'amezi 22 cyane cyane ko namwe mwashyizwe mu majwi mubateganyilizwaga imyanya?

**FASH.:**

Mu gihe iyo Guverinoma yajyaho idashyigikiwe n'inzego z'amashyaka ayiliwemo kandi igashingira kuri cya gitugu, uburyarya, n'ubugambanyi aribyo kutareba inyungu za rubanda, iyo Guverinoma ntacyo yazageraho. Naho ku kibazo kindeba sindwanira imyanya mu ishyaka ahubwo mboneyeho kugaya abateza akaduruvayo mu mashyaka no mu gihugu bagamije inyungu zabo bwite.

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE COOP.
C.R.R.C.
B.P. 1389 Kigali
RWANDA

## HOTELI AMAHORO : INAMA RUKOKOMA Y'ABANYAMUKINGO

Ku cyumweru tariki ya 17/10/1993 abantu bagera kuri 80 bakomoka muri Komini ya Mukingo (Ruhengeri), abagabo, abagore, abasore n'inkumi ndetse n'abasirikare bateraniye muri Hoteli Amahoro mu nama yari yatumijwe na Burugumesitiri wa Komini ya Mukingo. Iyo nama yigiwemo ibibazo byinshi kandi binyuranye. Hibanzwe ku kibazo cy'amasambu, amajyambere muri Komini n'ikibazo cy'umutekano.

Abari muri iyo nama banenze cyane imikorere y'abagize akana k'impuguke ko muri iyo Komini, bihase cyane uyobora ako kanama kubera ko abagize ako kanama ntacyo bakorera Komini kigaragara. Abari muri iyo nama bifuje ko abagize ako kanama bavaho kandi hagashyirwaho abandi b'abanyamurava kandi bize. Bifuje ko ibyo bintu byakubahirizwa vuba kandi na Minisitiri w'Ubutegetsi akabishyiraho umukono vuba. Abari muri iyo nama bifuje ko MINITRAPE yariha abagomba gusenyerwa mu Byangabo kugira ngo imilimo y'ubwubatsi bw'isoko ryo mu Byangabo itangire vuba. Ku kibazo cy'imilima y'abaturage b'i Nyabirehe Leta yateganyaga kuhatuza ABAGENDESHEJE, abari muri iyo basabye ko abagendesheje batuzwa (insisiro) mu Gisesero (aho bita mu bya SHOVU) kandi harahagije. Abari muri iyo nama basabye bakomeje ko nta basilikare cyangwa abajandarume bagomba kugaruka gutema ibiti mu ishyamba ry'inturusi ryatewe n'umuganda aho mu Gisesero ku butaka bwa Komini ya Mukingo. Basabye Burugumesitiri wa Komini ya Mukingo gutemesha ibyo biti bikagulishwa (amasiteri) kugira ngo abakozi ba Komini bashobore guhembwa.

Abari mu nama bifuje ko abasirikare ba GOMN bava mu mashuri y'i Busogo (Agri-Vétérinaire) kugira ngo abanyeshuri babone uko biga.

Ku kibazo cy'ishuri ryigenga riteganywa kubakwa mu Gataraga (ahahoze ari Ferme) abari mu nama bifuje ko ryakubakwa vuba kuko bashyigikiye icyo gitekerezo ndetse baboneyeho gushimira Bwana Ndabarinze Sylvestre wize uwo mushinga afatanije n'abametodistes, ariko bibukije Burugumesitiri ko amafaranga y'ishuri atagomba kuzaba ay'ikirenga nko muri ririya ry'i Busogo (St Joseph) kuko ryo ryigwamo n'abana b'abakire gusa. By'agateganyo hashyizweho abantu bazafasha Burugumesitiri mu kureba ibitagenda neza muri Komini barimo ba SUKU Bernard n'abandi.

Ubwanditsi

## BURUNDI ABATUTSI BEREKANYE UBUGOME BWABO



Mu ijoro ryo ku itariki ya 20/10/1993 rishyira iya 21/10/1993 abatutsi b'abarundi bagaragaje ubugome bwabo bamaze bica demokarasi.

Kwica Prezida NDADAYE Merikiyori wari uherutse gutorwa n'abaturage, kwica abaminisitiri be bangana kuriya, abatutsi BAGAZA, NGEZE n'abandi amahanga akwiye kubaha akato kuko n'Immana idateze kuzababarira.

Mu gihe amahanga yari amaze kwemera ko abarundi bacengewemo na demokarasi, mu gihe abahutu b'i Burundi bari bamaze kwibagirwa ibibi byose bakorewe na UPRONA y'abatutsi none basubijwe mu miborogo, bagiye kongera kwicwa umusubizo. Abatutsi ba UPRONA bakomeje kugaragaza ko barwanya demokarasi n'uwitwa umuhutu wese.

Kuva kera abahanga mu gushi-

shoza barimo ba Hassan NGEZE, ba BUCYANA Maritini (CDR) batubwiye ko umututsi ari inzoka tugahakana none barigaragaje ku manywa y'ihangu. Ndibuka neza ko umugabo witwa NTIBITURA Bonaventure (ni Koloneli) yigeze kujya muri MAGERWA i GIKONDO asanga Depite SEYOBOKA Damiyani (hutu) akubita igitwenge n'umututsi muhutu wo ku KICUKIRO yababwiye n'ubwo baseka bwose umututsi adateze kuzuzura n'umuhutu. Yabiciriye umugani abumvisha ko n'iyo bazateka ibuye rigahinduka amazi umututsi aho ari hose ubugome bwe ntaho buzajya, none abatutsi b'i Burundi babyeretse amahanga.

Prezida NDADAYE azize uburangare bwe no kwizera cyane. Twigeze kwakirwa iwe, twatangajwe no kubona yari arinzwe n'abasirikari b'abatutsi gusa kandi nabo bake. Aho yari atuye ntihari shyashya kuko hari mu mujyi rwagati.
Prezida NDADAYE azize no kuba yaragiraga impuhwe cyane kugeza ubwo agifata ubutegetsi yahise ahamagara BAGAZA n'umuryango we kandi azi neza ubugome bwe. Yego BAGAZA ategerejwe mu muriro utazima na NDADAYE mu ijuru, ariko se!!!

No mu Rwanda bitubere isomo tumenye umututsi icyo aricyo. Harya ngo turashyikirana na ba Major KAGAME? Reka bagere mu butegetsi. Amarorerwa bazakora azafatishwa amaboko 4. Sindagura ndagena. Harya ngo abatutsi ni bake mu Rwanda? I Burundi se barakora ariya marorerwa ari bangahe? Amayeri yabo n'ubugome bwabo birahagije kugira ngo bagere ku ri gahunda yabo. Abahutu ah bari hose barangwa no kwira ra, kutareba kure no kwishi ma ubwinshi, nyamara ibyo n ubwenge buke.

Genda Prezida NDADAYE ntitu zakwibagirwa. Tubabajwe n'ul abagome bagukuye ku isi ud suye u Rwanda n'abanyarwand Ugiye twagukundaga. Tuzakom za kugusabira iruhuko rid shira pe. Nidushobora gusur abo usize tuzabasura.

Twongeye gusaba amahanga gu ha akato ubutegetsi bw'igi tugu buyobowe n'ICYIHUTUR NGEZE.

Thomas KABONABAKE

ITANGAZO RY'IKINYAMAKURU
ECHO DES 1000 COLLINES KU
MARORERWA ABERA MU BURUNDI
KUVA KUWA 21/10/1993

Icyo kinyamakuru kiragaya bikomeye agatsiko ka bamwe mu basirikare b'abatutsi bo mu kazu k'i BURULI bafatanije n'ibyihuture nka ba NGEZE François bagaragaje ko barwanya demokarasi mu Burundi. Ako gatsiko kagomba guhabwa akato n'amahanga y'isi yose kandi abishe Prezida NDADAYE Milchior na bagenze be bagomba gukatirwa urwo gupfa kandi bakarukatirwa n'amahanga y'isi yose kuko ibyo bakoze bijyana na ya gahunda ya SIMBANANIYE wahoze ari Minisitiri i Burundi, aho yigeze kwivugira ko abahutu b'i Burundi bagomba kwicwa kugeza ubwo bava kuri 3/4 nabo bakaba 1/4 nk'uko abatutsi b'i Burundi ari 1/4 cy'abaturage bose. Ntawe uyobewe ko intambara ya Ntega na Marangara hishwe abahutu iryaguye ariko kubera kwihangana kw'abahutu b'i Burundi mu matora yaho ndetse na nyuma yaho babyitwayemo neza, nta nzika bagaragaje kuko bo bashakaga kubaka igihugu cyabo.

Mu kubulira abahutu b'abarundi baba hirya no hino mu Rwanda cyane cyane abize, Ikinyamakuru Echo des 1000 Collines kirabasaba kwirinda utubare na za Butike z'ibizungerezi kuko hari abamaze kugezwaho amafaranga kugira ngo babamarire ku icumu hakoreshejwe amarozi ya kizungu. Ndetse na Minisiteri y'Ubuzima mu Rwanda irasabwa gushishoza mu kohereza abavuzi bavura impunzi z'abarundi zimaze kugera mu Rwanda ejo batazavaho baterwa iz'ingusho.

Ikinyamakuru Echo des 1000 Collines gisanze kitakwibanda ku by'i Burundi gusa kuko no mu Rwanda atari shyashya. Niyo mpamvu icyo kinyamakuru gisaba abanyarwanda bose cyane cyane abahutu kuzilikana ibyo ishyaka CDR ryakunze kuvugira muri za mitingi, cyane cyane aho ryagiye rigaragaza ko ubwumvikane hagati y'umututsi n'umuhutu atari ibya none aha. Abashidikanyaga u Burundi nibubabere isomo bashyire hamwe, bimenye ejo batazavaho bivananamo bavuga ngo baratunguwe. Icyo kinyamakuru kiboneyeho kwamagana imvugo y'insoresore ntutsi badukanye hirya no hino mu gihugu. Iyo mvugo iteye ubwoba iteye itya : Umuhutu asigaye yinjira muri Bar cyangwa muli Butike indamutso y'abatutsi asangamo ni : "MWEMERE TUBATEGEKE TWARATSINZE".

Iyo ubabajije abo ari bo bagusubiza ko ari abayoboke ba FPR. Mu gihe impunzi ziyobowe na FPR zitaratahuka ku mugaragaro iriya mvugo "twaratsinze" ni iyo kwamaganwa kuko ishobora kuzakurura imvururu hagati y'amoko uretse nanone ko FPR n'ibyitso byayo ariko bateye ziriya mvururu n'intambara tumazemo imyaka 3.

Abahutu bo mu Rwanda nibamenye neza ko igihe kigeze kugira ngo bishyire hamwe barebe kure, batahirize umugozi umwe aho kuryana kubera amashyaka.
Birababaje kubona ONAPO yarayobotswe n'abahutukazi gusa naho abatutsikazi babyara umusubilizo! Abatutsi ntibakiri 14 % ni benshi. Kubera iki? Namwe bahutu mutwumva nimuhibaze.

## UBUGOME BW'ABATUTSI BUGARAGARIYE MU BURUNDI

Ikinyamakuru Echo des 1000 Collines kiboneyeho kugaya inzego z'ubutegetsi zishinzwe umutekano n'Iperereza kuko bimaze kugaragara ko hari insoresore zo muri FPR n'ibyitso byazo basigaye birirwa bakora amanama hirya no hino mu Rwanda, ariko cyane cyane muri iriya nzu ndende iri munsi ya Gare Routière i Kigali, inzu ya Muzehe RUBANGURA Védaste uretse ko nyiri iyo nzu atarebwa n'abahakorera amanama, kuko hakodeshwa n'abatutsi bahafite ubucuruzi bw'ingeri zose; ariko wagera muri Resitora SANGWA bikaba ibindi.

## AMATAGISI DAVID 1 NA DAVID 2 ZIKURIKIRANIRWE HAFI!

Ikindi gishyirwa mu majwi ni ariya mavatiri akora TAXI kuri Rond Point Kigali, 3/4 byayo ni ay'abatutsi ku buryo n'abatutsi ba FPR bari muri wa mutwe wa GOMN bahafite za TAXIS.

Hari n'inama z'abatutsi gusa zisigaye zibera ku CYASEMAKAMBA muri KIBUNGO. Ni muri urwo rwego kiriya kinyamakuru gisaba abashinzwe umutekano kwegera Brigade ya REMERA-KIGALI, Brigade itegekwa na Liyetona MUGABO kugira ngo abahugure mu rwego rwo kubungabunga umutekano, bitabaye ibyo ak'abahutu b'i Rwanda karashobotse.

Thomas KABONABAKE
Directeur

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE.. COOP.
C.R.R.C.
B.P. 1359 Kigali
RWANDA


# KIGALI : IGURISHWA RYA HOTELI BIENVENUE!

Twumvise ko ya Hoteli itagira uko isa yitwa **"BIENVENUE"** y'umugabo witwa KAREGEYA Bosiko yubatswe mu Muhima ho mu murwa mukuru wa Kigali, ku muhanda Kigali-Nyabugogo, yaguzwe na Ministeri y'Imari ibyumvikanyeho na B.R.D. kubera umwenda KAREGEYA yari afitiye B.R.D. kandi igiciro cyemejwe na expertise yakozwe n'impuguke za MINITRAPE.
Inkuru y'incamugongo itugezeho iratumenyesha ko abakoze iyo expertise bibagiwe cyangwa birengagije guha agaciro icyo bita Fonds de commerce y'aho iyo Hoteli yubatse kandi aricyo cya mbere bari kwitaho.

N'ubwo KAREGEYA yaba yarashyize umukono ku giciro cyemejwe n'iriya expertise kandi abayikoze baribagiwe gushyiramo aya Fonds de Commerce, twe turasanga bitabuza abayikoze guhita bamuha umugereka uhwanye n'iriya Fonds de Commerce twavuze haruguru. Bitabaye ibyo ntaho byaba bitaniye n'ubujura cyangwa igitugu kandi aribyo bintu twamagana muri iki gihe, ari nayo mpamvu twe tubona ko KAREGEYA atayahawe cyane cyane ko akirimo umwenda wa B.R.D. yayaregera mu Nkiko.

Fonds de commerce ni ngombwa kuko nka station PETRORWANDA iriya iri iruhande rwa Ministeri y'Amaposita i Kigali, igurwa, abakoze iriye expertise batibagiwe kuyibarira Fonds de Commerce ari nacyo cyatumye ihabwa agaciro k'amafaranga atubutse. Turasaba rwose ko abakoze iriya expertise bashyira mu gaciro bakemeza amafaranga ahwanye na Fonds de Commerce y'aho iriya Hoteli yubatse nayo KAREGEYA Bosiko akayasinyira kandi vuba.
Twiyemeje gukomeza gukurikirana icyo kibazo kugeza kirangiye.

# MUSENYERI NSHAMIHIGO AUGUSTIN NTARWAYE NI MUZIMA PE!



MURERAMANZI yarihanukiriye ngo Musenyeri NSAHMIHIGO ararwaye, ngo yarihandagaje kuri Radiyo Rwanda ahindura amacuho ibintu abanyarwanda benshi bari bakiranye impundu. Ngo ntashyigikiye imishyikirano ya ARUSHA. Abo banyarwanda avuga ni bande? Ni abiyise inkotanyi n'ibyitso byabo birumvikana!
Sibo banzi bazwi na rubanda nyamwinshi y'abanyarwanda?
Bangana iki se mama! Musenyeri NSHAMIHIGO we ntari kumwe nabo. Arangwa n'ubutabera, n'ubushishozi n'ukuri!
Ni byo biranga uwihaye Immana wuzuye.

Hari aho yibajije niba itangazo ryanyuze kuri Radiyo Rwanda kuwa 27 Ugushyingo 1992 rivuga imyanzuro y'inama y'inteko y'abayobozi ba Kiriziya Gatolika, ab'amatorero y'abaprotestanti n'iry'abadivantisiti b'umunsi

wa kalindwi mu Rwanda ryari irihimbano.
Iyo myanzuro yashyiraga ahagaragara igitekerezo cy'abo bihaye Immana ku bireba isaranganywa ry'ubutegetsi bw'inzibacyuho hagati ya FPR n'andi mashyaka ari mu Rwanda. Akibaza noneho niba Musenyeri NSHAMIHIGO ataragiye muri iyo nama cyangwa se barafashe imyanzuro yasohotse.

Nibyo rwose iryo tangazo ryari irihimbano.
Icya mbere kibigaragaza ni uko ari iry'imyanzuro y'inama ya bane mu icumi babigenewe.
Icya kabiri ni uko ari iry'inama yakozwe mu bwiru bwa bane, batandatu basigaye batayimenyeshejwe ngo yenda bange kuyizamo.
Icya gatatu ni uko ryahinduraga imyanzuro yari yagezweho mu nama yo kuwa 25 Ugushyingo 1992.

Kuri uwo munsi wo kuwa 25 Ugushyingo 1992, barindwi ku icumi bagize iyo nteko barateranye. Nyuma y'impaka ndende bafata imyanzuro ikurikira : FPR muri Guverinoma no mu Nteko Ishinga Amategeko bifuje ko yazahagararirwa mu myanya ihwanye na makumyabiri ku ijana by'imyanya yose. MRND mu myanya ihwanye na 35 %. Agatsiko k'amashyaka MDR, PL, PSD na PDC mu myanya ihwanye na 35 %. Naho amashyaka yandi ari mu gihugu atari muri Guverinoma y'ubu, imyanya ihwanye na 10 %.

Babyifuje batya kugirango muri iyo Guverinoma n'Inteko ishinga amategeko hazabe ubwumvikane busesuye mu gufata ibyemezo byagirira abanyarwanda bose akamaro. Bashakaga ko hatagira amashyaka azahatirwa kwemera ibyo adashyigikiye aho ngo ni uko 2/3 by'abagize Guverinoma cyangwa Inteko Ishinga Amategeko ari abatavuga rumwe nayo.

Imyanzuro irangiye gufatwa, abagize iyo nteko baratashye. Bamwe bari bazi ko iyo myanzuro ariyo ishyikirizwa inama ya Guverinoma yagombaga guterana kuwa 28 Ugushyingo 1992, ngo ni biba ngombwa iyinonosore maze iyohereze ARUSHA, abari mu mishyikirano ku ruhande rwa Guverinoma y'u Rwanda bayifashishe.

Siko byagenze. Kuwa 27 Ugushyingo 1992, umuyobozi w'iyo nteko, Musenyeri NSENGIYUMVA Tadeyo yateranije indi nama igizwe na bane ku icumi ayita iy'iyo nteko. Ubwo bahindura biriya byari byagezweho na barindwi uko babishaka. Ibyo bihimbano byabo aba ari byo bashyikiriza inama ya Guverinoma babyitirira abagize inteko yabo yose. Ibyo Musenyeri NSHAMIHIGO ntiyashoboraga kubyemera. Niyo mpamvu yabanyomoje kuri Radiyo Rwanda.Ntiyari mu kuri se?

Reka nsubize bya bibazo bye : Inama yo kuwa 27 Ugushyingo 1992, Musenyeri NSHAMIHIGO yayigiyemo ariko nk'indorerezi. Ntiyari yayitumiwemo. Kubera iki byari ngombwa? Ni akumiro! Ngo yamenye ko iri bube ari ubimwongoreye! Ariko ntiyashoboye kuyikurikirana kugeza irangiye kuko yayisanganye uburiganya bukabije. Yayisohotsemo aritahira nta kundi byari kugenda. Ko yari umwe se, iyo abandi batanu nawe wa gatandatu bahaba. Ndizera noneho ko asobanukiwe. N'amenye ko Musenyeri NSHAMIHIGO ADASHOBORA GUCECEKA hejuru y'uburiganya nk'ubwo butari bunakwiriye kugaragara ku bihaye Immana. Niyo mpamvu yabanyomoje kuri Radiyo Rwanda kuwa 29 Ugushyingo 1992. Ikindi, Musenyeri NSHAMIHIGO ntazi wa mwuga wo kujundika amazi bakiha kwatsa umuriro! Ntashaka kandi amahoro y'abanyarwanda afifitse ejo bitazamuviramo kugawa nawe akitwa umwanzi w'abanyarwanda.

MURERAMANZI Nehemie amwibeshyaho cyane! Ntiyayobotse MRND kandi ntiyaguzwe ndetse ntazanayiyoboka. Ntaho ahuriye n'amashyaka. Yihaye Immane nta kindi. Immana rero si iy'agatsiko ka bake bashaka koreka imbaga. Ni iya bose kandi ni intabera!
MURERAMANZI ntiyari akwiye kwibwira ko Musenyeri NSHAMIHIGO yavuga rumwe nawe badahuje intego y'ubuzima. Uwihaye Immana n'umunyapolitiki bahuriye he?

Ikindi n'amenye ko Musenyeri NSHAMIHIGO atitesheje agaciro nk'uko abyibeshya, ahubwo yarakagaragaje! Ubwo se ari we ari na bariya bane bashatse gusimbuza amizero y'amahoro y'abanyarwanda iby'inyungu z'udutsiko babogamiyeho, kandi kubogama bitabakwiye, abitesheje agaciro ni bande? Mbese MURERAMANZI we akeka ko yitesheje agaciro buke?

Kwivamo akagaragariza abasomyi b'ISIBO ko abogamiye ku migambi y'inkotanyi!

Yibeshya kandi avuga ko yaguzwe. Ngo yaba yarabonanye na Jenerali nako ikinani (niko amwita) ngo akamutsindagiramo ibyo aza kumuvugira muri iyo nama, niko avuga! Bariya bane se bahinduye ibyari byagezweho na barindwi bari babonanye na nde?

Igisubizo kirumvikana bari babonanye n'inkotanyi cyangwa ibyitso byazo. Sibo banzi ba HABYARIMANA?
Nako abanzi b'abanyarwanda! We akunda u Rwanda. Rero si ngombwa ko yabonana na HABYARIMANA kugirango avugire abanyarwanda neza. Ntiyaguzwe rwose, MURERAMANZI amwibeshyaho cyane!

Ikindi kibabaje ni uko MURERAMANZI yiyitirira abakristo ba E.E.R. akavuga ngo yasebeje abaprotestanti amaze kuvuga ukuri. Akeka ko abaprotestanti ari abanzi b'ukuri? Aribeshya!

Aribeshya kandi kuvuga ko atazasubira muri iyo nteko impamvu ibimutera irumvikana. Ni uko ari ikitso cy'inkotanyi cyangwa inkotanyi mo kimwe. Ajye ashyira mu gaciro ibyo avuga byose. We yishakira ko iyo nteko yaba igizwe na bagenzi be gusa : Ba rusarurira mu nduru bashimishwa no kumva imiborogo y'abanyarwanda. Turamuhemye! Ntibazongere kuboroga abagabo nka Musenyeri NSHAMIHIGO baragwiriye mu Rwanda, nasubize amerwe mu isaho! Niba bimwanga mu nda azafate inzira asange bagenzi be i Buganda ntawe uzamutangira. Azatuvire mu Rwanda rwacu twe abarukunda rwose!

Yagaragarije kandi abandi bakristo ba E.E.R. ko ikinyabupfura cye mu Itorero n'ubukristo bwe ari bya ntabyo. Guhangara gutuka Musenyeri!!! Byongeye amujijije ko yabaye umunyakuri! Ndabona uwasaba abajyanama ba Paruwasi ye kumufungira amasakaramento akabanza akihana ku mugaragaro ataba atanze igitekerezo kigoramye.

Sinarangiza iyi nyandiko ndasabye ubuyobozi bw'ibinyamakuru byo mu Rwanda gufatira ibyemezo abantu nka MURERAMANZI. Ntibazongere kubakira ni abo gusebanya gusa no gutesha agaciro ibinyamakuru byo mu Rwanda.

NZEYIMANA Alphonse

---

## ARUSHA : KUZUBAHIRIZA AMASEZERANO NTIBYOROSHYE!





N'ubwo ku itariki ya 04/08/1993 Guverinoma y'u Rwanda n'intumwa za FPR bashyize umukono ku masezerano y'amahoro mu Rwanda kugira ngo ibyasinyiwe bizashyirwe mu bikorwa ni INGORABAHIZI kubera impamvu zikurikira :

- Kuba Prezida HABYARIMANA Yuvenali na Koloneli KANYARENGWE Alegisi barabonanye nyuma y'imyaka 13 badaherukanye ntibahoberane kandi bari barafatanije bahirika Repubulika ya KAYIBANDA byerekanye ko bapfuye ikintu gikomeye ku buryo kwiyunga kwabo no kubabarirana bitari hafi aha.
Twe twari tuhibereye twarumiwe pe!

- Kuba u Rwanda rugiye kuyoborwa n'abarera babiri aribo Prezida HABYARIMANA na KANYARENGWE (ariwe BANGAMWABO) n'uriya mushi TWAGIRAMUNGU Faustin alias RUKOKOMA bose b'abahutu kandi bose bo ku ishyamba, kugira ngo bariya banyenduga (Gitarama, Butare na Kibuye ndetse na Kgali) bazabihanganire ntibyoroshye!

- FPR n'abayoboke bayo cyane cyane bariya batutsi nibazana akanyaro mu Rwanda bazabona icyo imbwa yaboneye ku mugezi ku buryo na KANYARENGWE ntayobewe azabigalika.

- Uzaba yarakunze amahoro akaza yaka ibyo yataye (yasize) kazaba kamwibye kuko byafashwe n'abagabo badaseka. Ahubwo azicwa urwa GAPYISI!

- Aba FPR nibaza bironda bazumirwa kuko abanyarwanda badateze kuzibagirwa ibibi byose bakorewe n'INKATA za FPR, bazasangire kariyo pe!